UMUGEREKA WA 1.

IJAMBO RYA MADAMU MINISTRI W'UBUCURUZI, INGANDA N'UBUKORIKORI MUGUTANGIZA IMURIKAGURISHA RYA 11 KIGALI, KUWA 01 KANAMA 1992

Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe,
Banyakubahwa muhagarariye ibihugu byanyu mu Rwanda,
Banyacyubahiro mwese muteraniye hano,
Banyarwanda, Banyarwandakazi,
Banyenganda, Banyabukorikori, Bahinzi-borozi namwe mwese mwitabiriye iri Murikagurisha.

Nejejwe no kubifuriza ikaze muri uyu muhango wo gutangiza Imurikagurisha rya 11 ryo mu rwego rw'Igihugu rigiye kubera muri iki kigo cy'Urwunge rw'amashuri ya Mutagatifu Andereya i Kigali. Iri Murikagurisha ryateguwe na Minisiteri y'Ubucuruzi,Inganda n'Ubukorikori ifatanyije nk'uko bisanzwe, na Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi, Minisiteri y'Urubyiruko n'Amashyirahamwe, Umuryango w'Ubucuruzi n'Inganda mu Rwanda, ndetse na Perefegitura y'Umujyi wa Kigali. Rigamije cyane cyane gufasha abatunganya ibikomoka k'ubuhinzi n'ubworozi, Urubyiruko n'abibumbiye hamwe mu mashyirahamwe y'ubukorikori n'imyuga, abanyenganda, ndetse n'abacuruzi b'inzego zose kwamamaza no kwereka abaguzi ibyo bakora.

Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe, tubashimiye kuba mwiyiziye ubwanyu kwifatanya natwe gutangiza iri murikagurisha rya 11 ryo mu rwego rw'Igihugu. Iyo nkunga yanyu irerekana ukuntu mushyigikiye ibikorerwa mu Rwanda byose, byaba ibikorwa n'abanyenganda, byaba ibikorwa n'abanyabukorikori, byaba ibikorwa n'abashakashatsi, byaba ibiva mu buhinzi no mu bworozi bw'abanyarwanda b'ingeri zose: urubyiruko, amashyirahamwe n'abandi baturage b'Igihugu cyacu.

Kuba rero mwemeye kwigomwa imirimo yanyu myinshi, ndetse n'akaruhuko gato mwashoboraga kugira kuri uyu munsi w'umuganura birerekana ukuntu mudahwema kwitangira abanyarwanda mubikuye ku mutima.

Banyacyubahiro mwese muteraniye hano, nkuko mwari musanzwe mubizi, Imurikagurisha ryo mu rwego rw'Igihugu ryagendaga risimburana kubera mu mujyi wa Kigali no mu migi y'andi maperefegitura. Iri murikagurisha ribaye mu gihe Igihugu cyacu cyugarijwe n'ibibazo byinshi birimo mbere na mbere ibyo duterwa n'intambara ku mupaka w'amajyaruguru y'Igihugu. Ikaba ari imwe mu mpamvu zatumye iri Murikagurisha ridashobora gukorerwa mu yindi Perefegitura itari Kigali. Twakoze uko dushoboye kugirango amamurikagurisha yo mu maperegegitura ataberamo imirwano ashobore kuba.

Hari n'ibibazo bizanwa n'uko muri rusange ubukungu bw'isi bwifashe nabi ndetse n'ubw'igihugu cyacu ku buryo bw'umwihariko. Ntitworohewe na gato biturutse cyane cyane ko ubukungu bwacu bushingiye ku bihingwa bibiri, aribyo kawa n'icyayi;bituzanira byonyine hafi 80 ku ijana by'amafaranga y'amahanga. 20 ku ijana asigaye aturuka ku mpu no ku bicukurwa mu butaka. Kubera rero ko ubutaka bwacu ari buto cyane kandi ari nkene, bukaba kandi bukoreshwa cyane bitewe n'abaturage badahwema kwiyongera, usanga ubukungu bwacu bushobora kugwa hasi ku buryo bworoshye. Ntitwanibagirwa ingorane duterwa n'ibiciro by'ibyo ducuruza mu mahanga bishyirwaho n'abanyamahanga twebwe tutabigizemo uruhare ruhagije. Ibyo bigatuma amafaranga dukuramo adatuma dushobora kwihahira ibyo dukenerayo; byongeye kandi n'imari y'igihugu igakomeza kuhazaharira. Tukaba rero tugomba gukora uko dushoboye kwose tukikenuza ibikorerwa iwacu. Ni nayo mpamvu kandi abanyabukorikori n'abahinzi-borozi bagomba kwifashisha amamurikagurisha nk'aya kugirango berekane ibyo bashoboye kutubonera.

Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe,
Banyakubahwa ba Minisitiri,
Banyacyubahiro mwese muteraniye hano,

Nkuko mugiye kubyibonera iri Murikagurisha rya 11 ryitabiriwe n'abantu benshi, barimo abaturutse mu mahanga.
Uretse abavuye mu maperefegitura yose y'u Rwanda, hari n'abaturutse mu Burundi. Bizatuma turushaho kumenya ibyo bafite bishobora kudushimisha, ariko nabo bazaboneraho umwanya wo kumenya ibyo dukora. Amamurikagurisha nk'aya agitangira muri 1983 yitabiriwe n'abantu 42. Mu mwaka ushize, haje abamurika barenga 150. Uyu mwaka dufite abagera kuri 146.

Byasabwe kuva hambere ko twagira ahantu hagari abantu bakwisanzurira; ariko ibibazo twavuze haruguru ntibyatumye twubaka inzu ikwiranye n'Imurika nk'iri. Turizera ko mu myaka iri imbere tuzashobora kubigeraho kuko Minisiteri y'Imirimo ya Leta n'Ingufu yatuboneye ikibanza gihagije. Tukaba tukizitiwe gusa no kubona amafaranga yo kubaka. Twizeye kandi kubona inkuga mu miryango mpuzamahanga izadufasha kubigeraho.

Imurikagurisha nk'iri ni umwanya mwiza kubarisura wo gusobanuza abanyenganda,abanyabukorikori, abanyamyuga,abatunganya ibikomoka ku buhinzi, ku bworozi no ku mashyamba ndetse n'abacuruzi b'ingeri zose uko imirimo yabo igenda.Ntimuzibuze kandi no kubagezaho inama zanyu zerekeye uko mubona barushaho guteza imbere ibikorwa byabo no kurushaho kubimenyekanisha no kubicuruza. Murasangamo ibintu byinshi bishimishije, ariko ndashaka kubamenyesha ko ibiteye amatsiko cyane ari ibikorwa n'abashakashatsi bagamije gutunganya ibihingwa byacu no kubibyazamo ibintu bitwizihiye byaba ibiribwa n'ibikoresho dukenera cyane.

Banyacyubahiro,
Namwe mwese abazanye ibintu muri iri murikagurisha,

Hakunze kuvugwa kenshi ko ibintu bikorerwa mu nganda zacu usanga bihenda cyane. Ahanini twasanze ibyo biterwa nuko ibikoresho-fatizo izo nganda zikoresha bituruka mu mahanga usanga ntaho bitandukaniye cyane n'ibyo baba bashaka gukoramo. Ibyo ugasanga bibatwara amafaranga menshi ntibashobore kugira icyo bongeraho kigaragara. Turasanga Inganda zacu zitari zikwiye gukomeza kwigana ibyo hanze ahubwo zari zikwiye kwihatira gukoresha ibikoresho-fatizo biboneka ino iwacu ndetse n'abakozi b'abanyarwanda kuko ari byo bidahenda.

Ikindi Abanyenganda bakunze kwivugira ubwabo ngo nuko Leta itabafasha bihagije. Nyamara, mu rwego rwo kuvugurura ubukungu hakurikijwe amasezerano Igihugu cyacu cyasinyanye na Banki y'Isi hamwe n'Ikigega cy'Imari cy'Isi yose, Minisiteri y'Ubucuruzi, Inganda n'Ubukorikori yakoze ibishoboka byose kugira ngo yorohereze abanyenganda n'abanyabukorikori ibakuriraho amananiza yose akomoka ku nzego z'ubutegetsi yabacaga intege mu gihe cyo gushora imari mu bikorwa by'amajyambere. Ni muri urwo rwego ubu usanga Rejisitiri y'Ubucuruzi isigaye itangirwa mu Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo hatswe impapuro zidakabije nka mbere. Ishyirwaho ry'ibiciro risigaye rikorwa ku bwumvikane hagati y'ugurisha n'ugura, uretse ku bintu tubona ko nta piganwa rihari rihagije bitewe nuko ugurisha aba ariwe wenyine ukora ibyo bicuruzwa agurisha.

Minisiteri y'Ubucuruzi, Inganda n'Ubukorikori yakoze kandi uko ishoboye amategeko n'amabwiriza yose yari abangamiye abanyenganda,Abacuruzi, abashakashatsi n'abanyabukorikori aravugururwa. Leta irimo kandi iriga uburyo yavugurura amategeko yo gushora imari mu bikorwa bya kijyambere maze akoroshywa ku buryo bugaragara.

Byongeye kandi, muzi ko hashyizweho igihembo gihabwa umucuruzi warushije abandi kwohereza ibicuruzwa mu mahanga, ko amahoro ku byo twohereza mu mahanga yavanyweho, uretse ku bicuruzwa bimwe nk'ikawa, impu n'icyayi. Mwamenye kandi ko ya mafaranga atanu ku ijana yakwaga abasabye amadovize yo gutumiza ibintu mu mahanga atagitangwa kuva tariki ya mbere Nyakanga 1992. Ibyo byose byagombye gutuma ibyo twohereza hanze n'amafaranga dukurayo byiyongera, bityo tugashobora kugura hanze ibyo dukenera yo.

Iri murikagurisha rya cumi na rimwe ryo mu rwego rw'Igihugu turumva rigomba kugera kuri ibi bikurikira:

1. Kwereka abanyarwanda ibintu bikorerwa iwabo kugirango babimenye babonereho kubikunda;

2. Gutuma ubucuruzi butera imbere bityo abagurisha bakereka abaguzi ibintu bashobora kubagezaho byaba ibikorerwa iwacu byaba n'ibiva hanze;

3. Gutuma abakora ibintu barushaho kubitunganya bakurikije ibyo abaguzi bakunda;

4. Kurushaho kumenyekanisha ibintu byacu mu gihugu hagati ndetse no mu mahanga, bityo abantu bose bakamenyeraho ibintu biboneka ino n'ahandi;

5. Guteza imbere ubucuruzi hagati y'u Rwanda n'Ibihugu byo mu karere kacu.

Turizera ko izo ntego zizagerwaho n'iri murikagurisha rya 11 ryo mu rwego rw'Igihugu. Nkaba mboneyeho umwanya wo gushimira abaryitabiriye bose mbasaba kuzakomeza gushyikiriza abaturage bari mu bice byose by'u Rwanda ibicuruzwa bari butwereke mu kanya kagiye kuza. Ariko mbere yo gusura ibicuruzwa biri muri iri murikagurisha, nsabye Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe kuridufungurira ku mugaragaro.

UMUGEREKA WA 2.

IJAMBO RYA MADAMU MINISITIRI W'UBUCURUZI, INGANDA N'UBUKORIKORI MU ISOZA RY'IMURIKAGURISHA RYA 11
KIGALI, KUWA 09 KANAMA 1992
==========================

Banyakubahwa muhagarariye ibihugu byanyu mu Rwanda,
Banyacyubahiro mwese muteraniye hano,
Banyarwanda, Banyarwandakazi,

Mu minsi 9 ishize dutangiye iri Murikagurisha rya 11 ryo mu rwego rw'Igihugu, twashoboye kwibonera ukuntu abantu barisuye ari benshi. Buri munsi hinjiraga abarenga ibihumbi 12; bityo tukinjiza amafranga agera ku bihumbi 240. Mu badusuye, harimo abari bazanywe no kureba ibintu byamurikwaga bakaboneraho no guhaha, harimo ariko n'abandi bazanywe no kwiruhukira ndetse no kubonana n'inshuti. Muri rusange kandi abantu basuye iri murikagurisha bararikunze cyane. Ibyo byatewe n'impamvu nyinshi zirimo izi eshatu z'ibanze:

- Ibyinshi mu byacurujwe ntibikunze kuboneka ku masoko;
- Ibiciro by'ibintu wasangaga byagabanutse cyane;
- Imyidagaduro irimo ibiryo n'ibinyobwa byakuruye benshi.

Iri murikagurisha ryaranzwe kandi n'ibyiza byinshi birimo gufasha abasizwe iheruheru n'intambara twashowemo n'inkotanyi zateye igihugu cyacu ziturutse mu Buganda. Bamwe bagize umutima w'imbabazi, bafashisha abari mu kaga ibintu binyuranye bifite agaciro k'amafaranga 275.000 birimo amafranga, ibishyimbo, ingorofane, imyenda inyuranye, ibikoresho byo mu rugo n'ibindi.

Banyacyubahiro muteraniye hano,
Banyarwanda, Banyarwandakazi,

Imurikagurisha rya 11 ryo mu rwego rw'Igihugu ryagenze neza cyane. Uretse amafranga yo kwinjira, twashoboye gukoreramo utuntu twinshi twinjizaga amafranga. Navuga nk'ibitaramo, kwerekana kuri televiziyo imikino ngororamubiri mpuzamahanga ibera i Barcelone ho muri Esipanye, kwamamaza ibintu muri Radiyo, gukoresha tombola, n'ibindi. Twasanze twunguka iyo dufashe amafranga yinjiye tukavanamo ayo twakoresheje mu gutunganya iri murikagurisha. Ibyo rero byongeye kutugaragariza ko amakoraniro nk'aya y'abaguzi n'abagurisha ashobora ubwayo kwibeshaho. Turasanga rero tugomba kwiga ukuntu twajya dukoresha amamurikagurisha yo mu rwego rw'Igihugu kenshi mu mwaka. Cyakora twabonye ibitaramo n'ibiganiro mbwirwa-ruhame bititabirwa na benshi. Bikwiriye rero gushakirwa undi mwanya utari mu mamurikagurisha.

Ikindi cyaranze iri murikagurisha ni uko mu bariteguye bakanariyobora harimo n'abantu bikorera ku giti cyabo. Ibyo nabyo bikaba byerekana ko umushinga wo kubaka inzu yajya iberamo amakoraniro yerekanirwamo ibintu, ushobora gushyigikirwa n'abo twawugejejeho tubasaba kuduters inkunga, kuko badusabaga kwerekana ko ari umushinga wakunguka, bakanabaza niba n'abikorera ku giti cyabo bashobora kuwitabira. Muri iri murikagurisha, twashoboye kwerekana ko ibyo byombi bishoboka.

Twasanze kandi ko muri iri murikagurisha, ibintu byaguzwe cyane ari ibiribwa n'ibinyobwa birimo imitobe, amadivayi n'inzoga zikaze zituruka mu bihingwa byo mu Rwanda. Nyamara ariko n'abanyenganda bagurishije amafranga atubutse. Abanyabukorikori, n'ubwo babaga bafite ibintu byinshi abantu bakunda, wasangaga batagurisha cyane kubera ko ibintu byabo bijya kugura nk'uko bisanzwe bigura hanze. Hari n'abazanywe mu iri koraniro no kugurisha gusa, batitaye kwamamaza ibintu byabo no gushaka ahantu hahagije ho kubyerekanira. Nuko babishyira ku giciro gito cyane ugereranije n'uko bisanzwe bigura, abaguzi barabirwanira ku buryo byaje gutera ikintu kimeze nk'akajagari. Ntawakwiyibagiza nyine ko abantu bagenda bakena ku buryo bashishikazwa no kugura ibyo babona bihendutse ku buryo bugaragara.

Dukurikije imibare y'agateganyo twahawe n'abamurika, kugeza none mu gitondo hari hamaze gucuruzwa hamwe Frw 76.031.236.

- Mu buhinzi n'ubworozi hacurujwe : Frw 8.228.428
- Abanyenganda bacuruje : Frw 56.171.873
- Abanyabukorikori binjije : Frw 6.160.926
- Amarestora n'indi mirimo byinjije : Frw 5.480.009

Banyacyubahiro mwese muteraniye hano,
Banyarwanda, Banyarwandakazi,

Twiyemeza gukoresha imurikagurisha nk'iri twari tugambiriye gushyigikira ubucuruzi bwaba ubwo mu gihugu hagati, bwaba ubwerekeranye no kwohereza ibintu mu mahanga. Mu rwego rw'ubucuruzi mu gihugu hagati, imurikagurisha rituma abakora ibintu bahura n'ababicuruza, bityo bakabafasha kubikwirakwiza hirya no hino mu gihugu. Naho mu rwego rw'ubucuruzi bwo mu mahanga, abaturutse hanze barushaho kumenya ibintu biboneka ino, bityo bakaba babitumiza. Iyo dusoza imurikagurisha tuboneraho umwanya wo gutanga igihembo giteganywa n'itegeko cyagenewe abarushije abandi kwohereza ibicuruzwa mu mahanga. Mbere yo gutangaza abatsindiye icyo gihembo mu mwaka wa 1991, ndashaka kubanza kubibutsa ingingo zikurikizwa mu kubarobanura.

1. Kwinjiza amafranga menshi y'amahanga;
2. Ibiciro ibicuruzwa byaguzweho ku masoko mpuzamahanga;
3. Agaciro k'ibicuruzwa;
4. Uko ibicuruzwa byagiye byiyongera buri mwaka;
5. Kwohereza kenshi ibicuruzwa mu mahanga.

Mu guhitamo uwarushije abandi kuzanira igihugu amafranga menshi harebwa gusa abohereza ibicuruzwa bishya. Ni ukuvuga havuyemo ikawa, icyayi, ikinini, ibireti, ibicukurwa n'impu. Ibyo bicuruzwa bishya bigomba kuba byarohereje binyuze mu nzira zemewe, ni ukuvuga ko bigomba kuba bizwi na Gasutamo na Banki Nkuru y'Igihugu.

Abo tugiye guhemba rero batoranijwe mu bacuruzi 24:

11 mu rwego rw'ubuhinzi;
11 mu rwego rw'inganda;
2 mu rwego rw'ubukorikori.

N'ubwo abohereza ibicuruzwa mu mahanga bacyiri bake cyane, twabonye hari byinshi kandi byiza dushobora kugurisha yo. Twongeye rero gusaba buri wese ubishaka kandi ubishoboye gukora iyo bwababaga akitabira gucuruza ibintu bye ku masoko y'amahanga. Ibyo akabikora ataretse no gukora uko ashoboye kwose kugirango ibintu bye bigere ku baguzi bose ku giciro giciriritse.

Sinarangiza iri jambo ntashimiye abitabiriye kwerekanira ibintu byabo muri iri murikagurisha n'ukuntu bakoze kugirango rishimishe abaje kurisura; ntaretse n'abantu bose basuye iri murikagurisha. Ku buryo bw'umwihariko kandi, ndashimira abadufashije bose gutegura no kuyoborana ubwitange n'umurava iri murikagurisha rya 11 ryo mu rwego rw'Igihugu. Abo ni abakozi bo muri Minisiteri y'Ubucuruzi, Inganda n'Ubukorikori, iy'Ubuhinzi n'Ubworozi n'iy'Urubyiruko n'Amashyirahamwe, abo mu Muryango w'Ubucuruzi n'Inganda mu Rwanda n'abo muri Prefegitura y'Umujyi wa Kigali ndetse n'abantu bikorera ku giti cyabo.

Sinabura na none gushimira abatugejejeho ibyangombwa twari dukeneye kugirango iri murikagurisha rishobore kugenda neza. Abo ni nk'abashinzwe terefoni, amazi n'umuriro ariko cyane cyane abashinzwe umutekano bakoze iyo bwabaga kugirango hano hatavaho habera impanuka.

Ndashimira na Minisiteri y'Amashuri Abanza n'Ayisumbuye hamwe n'Ubuyobozi bw'Urwunge rw'Amashuri Mutagatifu Andreya, kuba baremeye ko iri murikagurisha ribera muri iki kigo.

Harakabaho Repubulika y'u Rwanda;
Harakabaho Amamurikagurisha mu Rwanda.

UMUGEREKA WA GATATU.

## ABAJE MW'IMURIKAGURISHA.

### 1. UBUHINZI,URWOROZI,N'AMASHYAMBA.

| Abamuritse. | Ibyamuritswe. |
|---|---|
| 1. ABAHARANIRA UBUZIMA<br>B.P. 49 Rwamagana,<br>Tél. 67101 | Imiti ya Gihanga. |
| 2. ABASHYIRAHAMWE. | Isosi y'inyanya. |
| 3. ALIMENTATION LE POISSON<br>B.P 1039 Kigali. | Amafi mabisi. |
| 4. ARDI,<br>B.P. 1295 Kigali<br>Tél. 73961. | Ubuki, buji na divayi zenzwe mu mbuto. |
| 5. BAVANDIMWE.<br>Kigali-Nyarugenge. | Umutobe na Konfitire by'amapera. |
| 6. BRALIRWA<br>B.P. 131 Kigali,<br>Tél. 82995. | Inzoga zisindisha n'izidasindisha. |
| 7. C.R.F.C. IWACU.<br>B.P. 1313 Kigali<br>Tél. 73325. | Ibiribwa binyuranye bituruka ku myumbati. |
| 8. CNIA | Ibikoresho byo gutera intanga amatungo. |
| 9. CNPE KABUYE<br>B.P. 1016 Kigali,<br>Tél. 72522. | Ibiva mu bworozi bw'amatungo magufi. |
| 10. CONFIGI<br>B.P.300 Butare. | Umutobe, umushongi na Komfitire bivuye mu mbuto. |
| 11. COUVOIR NATIONAL RUBIRIZI<br>B.P. 621 Kigali,<br>Tél. 83456. | Imishwi n'ibikoresho byo mu bworozi bw'inkoko. |
| 12. DUHAMIC ADRI<br>B.P. 1080 Kigali<br>Tél. 82455. | Imvange y'amafu y'amasaka, soya n'ibigori(SOSOMA). |

| | |
|---|---|
| 13. ETS. KABUGA Félicien<br>B.P.741 KIGALI<br>Tl.74721. | Ifarini yakorewe mu Rwanda n'ibiyiturukaho. |
| 14. FOOD TECHNOLOGY AND PLANTS<br>Kigali. | Divayi n'izindi nzoga zikalishye zenzwe mu bitoki. |
| 15. INDASHYIKIRWA<br>Rwamatamu-Kibuye. | Divayi yenzwe mu nanasi. |
| 16. ISAR RUBONA<br>B.P. 132 Butare,<br>Tél. 33311. | Ibikorwa by'ubushakashatsi ku by'ubuhinzi. |
| 17. IRST CURPHAMETRA. | Ibikorwa by'ubushakashatsi mu by'imiti uhereye ku bimera mu Rwanda. |
| 18. LAITERIE DE GISHWATI<br>B.P. 28 Rambura,<br>Tél. 44612. | Amata, amavuta, foromaji na yawuruti(yaourt). |
| 19. LAITERIE DU RWANDA<br>B.P. 50 Nyabisindu,<br>Tél. 33267. | Amata, amavuta, keremu, foromaji, yawuruti (yaourt). |
| 20. LA SORBETIERE<br>B.P. 1296 Kigali,<br>Tél. 75123. | Umutobe wa marakuja n'ibiribwa biva mu mbuto bihinduwe barafu. |
| 21. MAISERIE MUKAMIRA<br>B.P. 89 Ruhengeri,<br>Tél. 46625 Ruhengeri. | Ibiribwa biva mu bigori. |
| 22. MISO<br>B.P. 89 Ruhengeri,<br>Tél. 73174. | Ibiribwa biva muri soya. |
| 23. MUKANDUTIYE Immaculée<br>B.P.651 Kigali,<br>Tél.73737. | Ibiribwa bikorwa mu ifarini. |
| 24. MUTABAZI Jerôme<br>B.P. 442 Kigali. | Uburyo bwo gutegura ibirayi n'ubunyobwa. |
| 25. OCIR THE<br>B.P. 1344 Kigali<br>Tél. 74409. | Icyayi cy'u Rwanda. |
| 26. OPYRWA<br>B.P.79 Kigali. | Imiti yica udukoko ikorwa muri pireteri. |

| | |
|---|---|
| 27. OVIBAR<br>BP 1002 Kigali<br>Tél. 85857. | Ibiribwa n'ibinyobwa biva ku bitoki. |
| 28. PASA APNI. | Inyongeramusaruro. |
| 29. PATISSERIE DE KIGALI. | Imigati inyuranye. |
| 30. PROJET CZN<br>B.P. 582 Kigali. | Ubuki. |
| 31. PROJET KIGALI NORD. | Ibiva ku buhinzi, intama zogoshwa. |
| 32. REGIE SUCRIERE DE KABUYE<br>B.P. 373 Kigali<br>Tél. 73836. | Isukali iva mu bisheke bihingwa mu Rwanda. |
| 33. RWABIRINDA Jean<br>B.P. 2108 Kigali. | Divayi n'inzoga zikalishye ziva mu bitoki. |
| 34. SERVICE DES SEMENCES SELECTIONNEES<br>B.P.538 Kigali<br>Tél. 75800 | Imbuto zindobanure. |
| 35. SOBOLIRWA<br>B.P. 436 kigali<br>Tél. 82845 Kigali. | Ibinyobwa bidasindisha. |
| 36. SONAFRUITS<br>B.P. 155 CYANGUGU. | Umutobe wa marakuja. |
| 37. SOPAB<br>B.P. 1199 Kigali<br>Tél. 85842. | Ibiryo by'amatungo n'imyunyu y'inka. |
| 38. SOPRORIZ<br>B.P. 1469 Kigali<br>Tél.76026 | Umuceli utonoye. |
| 39. SORWATOM<br>B.P. 1431 Kigali<br>Tél.85629 | Umushongi w'inyanya. |
| 40. TOFU RWANDA<br>B.P.1906 Kigali<br>Tél. 82607. | Ibiribwa biva muri soya. |
| 41. UKWIZAGIRA Gaspard<br>B.P. 1920 Kigali. | Amafu y'umuceli, amasaka n'amashaza. |
| 42. VIKI RWANDA<br>Kibungo. | Divayi zenzwe mu mananasi no mu bitoki, imiti ya gihanga. |

| | |
|---|---|
| 43. ZIA<br>B.P. 1740 Kigali<br>Tél. 72633. | Divayi n'inzoga zikalishye ziva mu bitoki. |

2. INGANDA.

| | |
|---|---|
| 44. AMEKI<br>B.P. 1162 Kigali. | Irangi. |
| 45. BALL PEN RWANDA<br>B.P. 143 Kigali,<br>Tél. 76482. | Amakaramu na za feutres. |
| 46. BASIMBIZI MULTILATERAL SYSTEMS<br>B.P. 1886<br>Tél. 72575. | Ibikoresho by'amashanyarazi bikoresha imirasire y'izuba. |
| 47. BETON DE CONSTRUCTION<br>B.P. 1550 Kigali<br>Tél. 86720. | Amasaso yo mu nzu no kwomeka ku nkuta z'amazu. |
| 48. BRIQUETERIE RWANDAISE RULIBA<br>B.P. 1275 Kigali<br>Tél.6034. | Amatafali ya kijyambere. |
| 49. CIMERWA<br>B.P. 21 Cyangugu<br>Tél. 37467. | Sima n'imifuka yo kuyipfunyikamo |
| 50. ECOMIRWA<br>B.P. 21 Cyangugu<br>Tél. 37467. | Inkweto zikozwe muri pulasitiki |
| 51. ENESOL<br>Butare | Ibikoresho by'amashanyarazi bikoresha imirasire y'izuba. |
| 52. FACYRWA<br>B.P. 1133 Kigali<br>Tél. 72838. | Amagare n'ibyuma byayo. |
| 53. MECATOL<br>Nyarugenge-Kigali. | Ibyuma, antene za televiziyo zikorana n'ibyogajuru. |
| 54. IMPRISCO<br>B.P. 1347 Kigali<br>Tél. 85820. | Ibikoresho by'amashuri. |

| | |
|---|---|
| 55. MERA<br>B.P. 375 Kigali. | Amaradiyo. |
| 56. MIROPLAST<br>B.P. 307 Kigali<br>Tél. 76031. | Ibikoresho byo mu rugo no mu bwubatsi bikozwe muli pulasitiki. |
| 57. PROJET GREEN(MINITRAPE)<br>B.P. 1530 Kigali<br>Tél. 85982. | Amaziko ya kijyambere. |
| 58. PROMETAL<br>B.P. 1159 Kigali<br>Tél. 72032. | Inzitiro z'ibyuma, imisumali n'udukarito. |
| 59. C.P.Q Kigali<br>B.P.43. | Ibikoresho by'amashanyarazi ava ku mirasire y'Izuba. |
| 60. RWANDA FOAM<br>B.P. 595.<br>Tél. 73400. | Amasaso ya kijyambere(Matelas en mousse). |
| 61. SIEVA<br>B.P. 943 Kigali<br>Tél. 84583. | Ibikoresho byo mu ishuli no mu biro, udukarito two gutwaramo ibintu bito (amakaramu, colgate, etc...). |
| 62. SOCOBICO<br>B.P. 733 Kigali | Impapuro z'isuku (ku meza no mu bwiherero). |
| 63. SODEPARAL<br>B.P. 1153 Kigali<br>Tél. 76633. | Ibikoresho bikozwe mu ruhu |
| 64. SORIMEX<br>B.P. 1147 Kigali<br>Tél. 76633. | Umuti wo kwoza amenyo. |
| 65. SORWACI<br>B.P. 1304 Kigali<br>Tél. 85627 | Ibitembo byo mu bwubatsi. |
| 66. S.R.B.<br>B.P. 1896 Kigali<br>Tél. 73648. | Amabuye ya radiyo. |

| | |
|---|---|
| 67. SULFO RWANDA<br>B.P. 90 Kigali<br>Tél. 76353 | Amasabuni, amavuta yo kwisiga no guteka. |
| 68. TECHNOSOL<br>Byimana - Gitarama | Ibyuma bishyushya amazi bikoresheje imirasire y'izuba. |
| 69. TOLIRWA<br>B.P. 521 Kigali,<br>Tél. 72129. | Amabati n'imisumali. |
| 70. U.P.C.<br>B.P. 1074 Bujumbura. | Ibikoresho by'ubuvuzi n'iby'isuku bikozwe mu ipamba. |
| 71.UTEXRWA<br>B.P 430 Kigali<br>Tél. 82736,82738,82599 | Uruganda rukora imyenda |

3. IMYUGA N'UBUKORIKORI

| | |
|---|---|
| 72 . ABADAHEMUKA<br>B.P 72 Kigali | Imyenda y'abana, ibitambaro bifumye. |
| 73. ABADASHYIKIRWA | Imyenda n'ibitambaro bifumye. |
| 74. AJAKA.<br>Kayove-Gisenyi. | Ibikoresho byo mu rugo n'imitako. |
| 75. A.C.J.F. Rutongo<br>KARURUMA-RUTONGO<br>B.P 536 Kigali. | Imyenda n'ibitambaro bifumye. |
| 76. A.C.M GITEGA<br>B.P 925. Kigali. | Inkweto zikoze mu ruhu. |
| 77. ACO<br>Tl. 74523 Kigali. | Inkweto zikoze mu ruhu. |
| 78. ACORWA<br>B.P 2188 Kigali<br>Tl.77286 | Imyenda y'abagore |
| 79. AFAC SABOT<br>B.P 1105 Kigali<br>Tl.77389. | Inkweto n'imikandara bikoze mu ruhu. |
| 80. AFUC<br>Nyarugenge-Kigali. | Ibikoresho byo mu gikoni. |

| | |
|---|---|
| 81. ALBERT SUPPLY<br>B.P 254 Kigali. | Imyenda y'abagabo. |
| 82. APAC PST HIMO<br>B.P.533 KIGALI<br>Tél. 62090 | Ibiva mu ibumba |
| 83. APROMETEC. | Ibikoresho byo mu rugo n'imitako. |
| 84. ARTISANS DE GITEGA. | Inkweto zikoze mu ruhu. |
| 85. ARCDB<br>B.P. 525 Butare,<br>Tél. 30408. | Uduti two kwihaganyura. |
| 86. ARTCF BILYOGO<br>Nyarugenge-Kigali. | Imyenda y'abagore n'abagabo. |
| 87. ASCO. | Inkweto zikoze mu ruhu. |
| 88. ASGI<br>B.P. 63. Butare. | Ibisoro n'amashusho. |
| 89. ASJ RUTONGO. | Ibitambaro bifumye n'imyenda y'abagore. |
| 90. ASOFORWA. | Ibikoresho bicuzwe mu cyuma. |
| 91. ASSOFONYA Kigali,<br>Tél. 76989. | Indobo, amabesani, amasanduku y'ibyuma byo kuhilira. |
| 92. ASSOCIATION DE TANNERIE<br>DE MUDASOMWA Gikongoro. | Ibikoresho bikozwe mu ruhu. |
| 93. CEFMIVA. | Ibikoresho biva mu ibumba. |
| 94. ATELIER CARTE POSTALES<br>Gisenyi. | Amashusho yo mu burere. |
| 95. ATELIER DE COUTURE<br>REMERA-RUKOMA<br>B.P. 576 Kigali. | Imyenda n'ibitambaro bifumye. |
| 96. ATELIER D'ELECTRONIQUE<br>Kicukiro,<br>Tél.83317. | Ibyuma byo gupima no kugena itembera ry'umuriro w'amashanyarazi. |

| | |
|---|---|
| 97. ATELIER JOC FEMININE<br>Kiyovu. | Imyenda n'ibitambaro bifumye. |
| 98. ATELIER NYIRANUMA<br>Bilyogo. | Imyenda n'ibitambaro bifumye. |
| 99. ATELIER UGA KIBUYE. | Imitako. |
| 100. A.T.F. TUMBA.<br>BYUMBA. | Ibikapu n'imikeka. |
| 101. A.T.T<br>B.P. 12 RUHANGO. | Amashuka n'amagunira aboshywe n'imashini z'ibiti. |
| 102. BATIK DE GITARAMA<br>B.P. 964<br>Tél. 72899. | Gusiga amabara ku myenda no mu bitambaro. |
| 103. CEAPS MINEPRISEC<br>B.P. 622 Kigali. | Imikino n'ibikinisho by'abana bageze mu biburamwaka. |
| 104. CERAI NYAMIRAMBO<br>Nyarugenge-P.V.K. | Imyenda y'abanyeshuli n'ibitambaro bifumye |
| 105. C.F.J. GACULIRO.<br>B.P. 1044 Kigali. | Ibikoresho biva mu bubaji, n'ubusudirizi. |
| 106. C.F.J. GATENGA.<br>B.P. 468 Kigali,<br>Tél. 73102. | Amashusho n'imikino. |
| 107. C.F.J. GATI<br>B.P. 123 Rwamagana. | Ibikoresho bikozwe mu ruhu. |
| 108. COTAGIRWA<br>Rubavu-Gisenyi. | Imikeka, imyenda, ibiva mu ruhu n'ibindi. |
| 109. C.R.R. Section Féminine<br>B.P. 425 Kigali,<br>Tél. 74402. | Ibitambaro bifumye. |
| 110. DERN<br>B.P. 45 Ruhengeri<br>Tél. 46697. | Imyenda n'ibindi biva mu bwoya bw'intama. |

| | |
|---|---|
| 111. DIARWA<br>B.P. 248 Butare<br>Tél. 30161. | Imyenda y'abagore n'abana. |
| 112. DIGITOKI<br>Birenga-Kibungo. | Inzoga zikalishye zenzwe mu bitoki |
| 113. FORGE GOUVERNEMENTALE<br>B.P. 40 Nyabisindu,<br>Tél. 33170. | Ibikoresho by'ubuhinzi, ibyo mu rugo n'imitako. |
| 114. HABARUGIRA Innocent.<br>Tél. 72763 Kigali. | Intwaro za kinyarwanda. |
| 115. HAKIZIMANA Faustin. | Imitako n'amashusho. |
| 116. IMBONYA<br>Commune Nyakizu<br>B.P 329 BUTARE. | Ibikoresho byose byo mu nzu bibazwa n'ibikoresho by'ububaji. |
| 117. INDASHYIKIRWA.<br>RWAMATAMU-KIBUYE. | Inzoga zenzwe mu nanasi. |
| 118. JOC SECTION FEMININE<br>B.P. 91 Kigali,<br>Tél. 76768. | Amashusho, ibitambaro bifumye, ibikapu, imikino y'abana. |
| 119. JUNIOR PUB<br>NYARUGENGE-P.V.K. | Imidali, imitako. |
| 120. KABAGEMA Emma. | Imyenda y'abagore. |
| 121. KALISA Alfred<br>Gikondo-Kigali. | Amashusho. |
| 122. KANGUKA MUTEGARUGORI.<br>KAYENZI-GITARAMA<br>B.P. 56 Kigali,<br>Tél. 76794. | Umutobe na komfitire bivuye mu nanasi. |
| 123. KIAKA<br>B.P. 174 Gisenyi<br>Tél. 40853. | Uburoso, imikubuzo, amashusho, imitako n'ibindi. |
| 124. KIM TALONS EXPRESS<br>Tél. 77411 | Inkweto n'ibindi biva mu ruhu. |

| | |
|---|---|
| 125. LA BONNE MISE<br>B.P. 753 Kigali<br>Tél. 73274. | Imyenda y'abagabo n'abana. |
| 126. MUKASAFALI Jeanne. | Amakarita n'amashusho. |
| 127. MUBERUKA Gaston. | Amashusho n'imitako. |
| 128. MULINDAHABI Raphael. | Imitako n'amashusho. |
| 129. NSABUMUREMYI J.Pierre.<br>Gikondo-Kigali. | Ibikapu bikozwe mu ruhu. |
| 130. NTAMABYALIRO Léopold.<br>B.P. 2440 Kigali. | Amashusho, ibitabo, imitako na cartes postales. |
| 131. NTOYIMANA Ananie<br>B.P. 29 Cyangugu. | Stencileuse ikoze mu mbaho. |
| 132. NYIRABANYAGA Marguerite<br>B.P. 621 Kigali,<br>Tél. 72238. | Ibikapu bitatse. |
| 133. NYIRANEZA Immaculée<br>B.P. 2005 Kigali. | Inkweto. |
| 134. POTERIE DE MUNZANGA<br>B.P. 53 Kibuye. | Ibikoresho byo mu rugo bikoze mu ibumba. |
| 135. POTERIE DE NYANGE<br>B.P. 55 Mugesera. | Ibikoresho byo mu rugo bikoze mu ibumba. |
| 136. POUPET'IQUE<br>GISENYI | Ibikinisho by'abana(poupées). |
| 137. PROJET BAMBOU<br>C/O PROMET GISENYI. | Ibikoresho bikozwe mu migano. |
| 138. PROJET MICROREALISATION<br>B.P. 445 Kigali,<br>Tél. 82170. | Imitako, ibitambaro bifumye n'ibindi. |
| 139. PROMET, Gisenyi.<br>B.P 174 GISENYI<br>Tl.40025. | Ibikoresho bikoze mu ruhu, Butunda. |
| 140. RONDEREZA HVP GATAGARA. | Amashyiga ya Kijyambere. |
| 141. RUBAYITA J.M.V.<br>GIKONDO-KIGALI. | Ibikoresho byo mu rugo, imitako. |

| | |
|---|---|
| 142. SOCOFA<br>B.P. 608 Butare,<br>Tél. 30640. | Imyenda y'abana n'abagore, ibitambaro bifumye. |
| 143. SHYIKOBURWA.<br>Commune NGOMA<br>BUTARE. | Imyenda y'abana n'abagore, ibitambaro bifumye. |
| 144. TROPIC BEAUTY. | Imyenda y'abagore, ibitambaro bifumye. |
| 145. TUZAMURANE<br>Rutongo-Kigali. | Imyenda y'abagore n'abana n'ibitambaro byo gutegura. |
| 146. TWISUNGANE<br>Nyarugenge-Kigali-Ville<br>B.P. 916 Kigali | Imyenda y'abagore n'abana,ibitambaro bifumye n'ibikapu. |
| 147. TWISUNGANE.<br>Rutono-Kigali. | Imyenda n'ibitambaro bifumye. |
| 148. UMUCO W'ABABYEYI<br>Kibilira-Gisenyi. | Ibikapu bya mushipili. |
| 149. UMWALI Julie<br>B.P. 1703 Kigali,<br>Tél. 85809. | Imyenda n'ibitambaro bifumye. |
| 150. UWIMANA Béata. | Ibitambaro bifumye. |
| 151. TOP FASHION.<br>NYARUGENGE-P.V.K. | Ibitambaro bifumye. |

4. GUFUNGULIRA ABANTU.

| | |
|---|---|
| 152 ABIBUKA<br>B.P. 1703 Kigali<br>Tél. 85809. | Guteka. |
| 153. COSTA BRAVA<br>B.P. 1734 Kigali<br>Tél. 76374. | Guteka. |
| 154. DUTERIMBERE<br>B.P. 738 Kigali<br>Tél. 73598. | Guteka. |
| 155. EVOKI<br>B.P. 89 Kigali<br>Tél. 85657. | Guteka. |

| | |
|---|---|
| 156. GASORE Sylvèstre<br>B.P. 1199 Kigali. | Icyokezo. |
| 157. Groupe RUTAGANDA Georges<br>B.P. 414 Kigali<br>Tél. 77071. | Inzoga(Carlsberg, Tuborg). |
| 158. HAGUMUMUKAMA Benjamin<br>Nyarugenge-Kigali. | Guteka. |
| 159. HATALI Augustin<br>B.P. 1446 Kigali<br>Tél. 76655. | Icyokezo. |
| 160. KAGABO William<br>B.P. 802. Kigali. | Guteka. |
| 161. KAHINDO Henriette | Guteka. |
| 162. KAYIRANGWA M.Goretti<br>B.P. 172 Kigali<br>Tél. 72722. | Guteka. |
| 163. METEORE.<br>NYARUGENGE-P.V.K. | Guteka. |
| 164. MUKABUDUWE Donata<br>B.P. 2110 Kigali. | Guteka. |
| 165. MUKAGITERA Christine<br>Nyarugenge-Kigali. | Guteka. |
| 166. MUKANKUSI Théophile<br>B.P. 55 Kigali | Guteka. |
| 167. MULINDAHABI J.Bosco<br>Nyarugenge - Kigali. | Guteka. |
| 168. CAFE PIZZA<br>KIGALI-VILLE. | Guteka. |
| 169. COSMOS NYAMIRAMBO<br>KIGALI-VILLE. | Guteka. |
| 170. SOBABU<br>NYAKABANDA-KIGALI. | Guteka. |

| | |
|---|---|
| 171. NDAYISENGA Gratien<br>KICUKIRO-KIGALI. | Icyokezo. |
| 172. NYIRAHABIYAREMYE Hamida<br>Nyamirambo-Kigali. | Guteka. |
| 173. NGABONZIZA Edouard<br>Nyarugenge- Kigali. | Guteka. |
| 174. RELAIS DE LA SOIF<br>Ngoma-Butare. | Guteka. |
| 175. RWASIBO J.Bosco<br>Kicukiro-Kigali. | Icyokezo. |
| 176. SAFALI Vincent<br>Nyarugenge-Kigali. | Icyokezo. |
| 177. SALON DE GIKONDO<br>Kicukiro-Kigali. | Guteka. |
| 178. URUMULI<br>B.P. 1216 Kigali. | Guteka. |

5. IBINDI.

| | |
|---|---|
| 179. AIR-RWANDA<br>B.P. 2161 Kigali<br>Tél. 72122. | Impapuro zo kugenderaho mu ndege, Ibitabo byamamaza. |
| 180. APIS SARL<br>B.P. 2161 Kigali<br>Tél. 77114. | Kwamamaza, ibitabo. |
| 181. ARBEF<br>B.P. 1580 Kigali<br>Tél. 76127. | Inyigisho zo kwita ku miryango,ibikoresho byo kuringaniza imbyaro. |
| 182. CIDC SIDA<br>B.P. 1999. | Ibitabo, ibikoresho n'inyigisho byo kwirinda SIDA. |
| 183. LA MEDIAR<br>B.P. 208 Kigali<br>Tél. 77425. | Kwamamaza, imikino n'imyidagaduro. |
| 184. MUSIC FABRIC<br>B.P. 1123 Kigali<br>Tél. 82125. | Kurangurura no gusakaza amajwi. |

| | |
|---|---|
| 185. OFFICE NATIONAL DES POSTES<br>B.P. 4 Kigali<br>Tél. 72882. | Amatembure. |
| 186. ORINFOR ET PROJET T.V.<br>B.P.83 Kigali<br>Tél. 75665. | Kwamamaza, gutanga indirimbo, porogaramu zitegurirwa kuzajya zihita ku T.V. |
| 187. PASH (Minisante)<br>B.P. 534 Kigali. | Ibikoresho byo kurwanya umubu wa malaria. |
| 188. SOCIETE BIBLIQUE<br>B.P. 788 Kigali<br>Tél. 82115. | Ibitabo by'iyobokamana. |
| 189. TOP CAR<br>B.P. 449 Kigali<br>Tél. 73626. | Imodoka zikodeshwa. |

==================================

## UMUGEREKA WA 4: ABAGIZE URUHARE MU GUTEGURA NO KUYOBORA IMURIKA-GURISHA.

1. Minisiteri y'Ubucuruzi, Inganda n'Ubukorikori.

- Yohani N.GAHURURU, Umuyobozi Mukuru w'Ubucuruzi bwo mu Gihugu.
- Karoli MUNYAKARAMBI, Umuyobozi ushinzwe guteza imbere ubucuruzi bwo mu Gihugu.
- Pawulo SIMBIZI, Umukozi Mukuru ushinzwe imitunganyilize y'inzira z'ubucuruzi.
- Tewonesiti RWAMULINDA, Umukozi mu Biro.
- Sipiriyani NDINDABO, Umukozi wo mu Biro.
- Samweli NSENGIMANA, Umukozi wo mu biro.
- Onesiforo NGENZEBUHORO, Umukozi wo mu biro.
- Agusitini GAKWAYA, Umukozi wo mu biro.
- Didasiyana MUKAGACONDO, Umukozi wo mu biro.
- Demetiriya MUKANTABANA, Umukozi wo mu biro.
- Yohani NSHIMIYIMANA, Umukozi wo mu biro.
- Palasidiya KABAGWIRA, Umukozi wo mu biro.
- Alegisi TWAGILIMANA, Umukozi wo mu biro.
- Alegisi NGABONZIZA, Umukozi wo mu biro.
- Andereya RURANGWA, Umukozi wo mu biro.
- Generoza HAZIMURA, Umukozi wo mu biro.
- Yohani Petero RUHUMULIZA, Umukozi wo mu biro.
- Petero Selesitini MPITARUSUMA, Umupulanto.
- Imakulata UWIMANA, Umukarani wo mu biro.
- Kositaziya NYIRANCAMUBANZI, Umwanditsi.
- Mariya Yozefa UWIMBABAZI, Umwanditsi.

- Yeronimo KAREKEZI, Umushoferi.
- Atanazi NZABANITA, Umushoferi.
- Godifiridi MBONIGABA, Umushoferi.

2. Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi.

- Karaveli NKULIKIYINKA, Umukozi Mukuru ushinzwe imiti n'ibikoresho by'ubuvuzi bw'amatungo.
- Damasi NTIRANYIBAGIRA, Umukozi.
- Farasisiko NTAGANIRA, Umushoferi

3. Minisiteri y'Urubyiruko.

- Feligisi NTIHEMUKA, Umukozi Mukuru.
- Sipiriyani UGIRASHEBUJA, Umukozi mu biro.
- Yozefu KABERA, Umushoferi.

4. Umuryango w'Ubucuruzi n'Inganda mu Rwanda.

- HATUNGIMANA Petero Selesitini, Umukozi wo mu biro.
- Farasisiko NTAGANIRA, Umushoferi.

5. Perefegitura y'Umujyi wa Kigali.

- UGANISHULI Yovini, Umugenzuzi w'Ubucuruzi.
- Aloyizi RUGEMA, Yungirije Umugenzuzi w'Ubucuruzi.
- Mariya Goreti MUKABAZIGA, Yungirije Umugenzuzi w'Ubucuruzi.
- Godifiridi NTANEZA, Umukangurambaga mu by'Ubukorikori.

6. Abikorera ku giti cyabo.

- RUSANGANWA Yohani Mariya Viyani, Uhagarariye Abanyenganda.
- Farasisiko MUGANZA, Uhagarariye abatunganya ibiva mu buhinzi no mu bworozi.
- Yohani Batisita HABIYAMBERE, Uhagarariye abanyabukorikori.
- Jerimene MUGENI, Uhagarariye abanyabukorikori.
- Fawusitiri NTAGANDA, Uhagarariye abakora indi mirimo inyuranye itavuzwe hejuru.